

**REPUBLIKA Y’U RWANDA**



**MINISITERI Y’ABAKOZI BA LETA N’UMURIMO**

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA RWANYINDO  
KAYIRANGWA FANFAN, MINISITIRI W’ABAKOZI  
BA LETA N’UMURIMO MU KWIZIHIZA UMUNSI  
MPUZAMAHANGA W’UMURIMO**

**Rubavu, 01 Gicurasi, 2018**

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko**
- **Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba;**
- **Abahagarariye Inzego z'Umutekano;**
- **Muyobozi w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda**
- **Muyobozi wa CESTRAR,**
- **Abafatanyabikorwa mu Iterambere (Development Partners)**
- **Bayobozi Bakuru mu Nzego z'Imirimo ya Leta no muz'Abikorera muteraniye hano,**
- **Muyobozi w'Akarere ka Rubavu;**
- **Abakoresha n'Abakozi muteraniye hano;**
- **Baturage b'Akarere ka Rubavu;**
- **Bashyitsi bahire;**

**1. Mu gutangira munyemerere mbanze nshimire cyane buri wese waje kwifatanya natwe Kwizihiza uyu Munsu Mukuru Mpuzamahanga w'Umurimo.**

**2. Nkuko byagarutsweho, Umunsu w'Umurimo turawizihiza ku Nsanganyamatsiko igira iti: “Duteze Imbere Umurimo utanga Umusaruro, Twihutishe Iterambere”.**

**3. Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika ntahwema gukangurira Abaturarwanda twese gukora cyane mu rwego rwo guharanira Kwigira no Kwihesha agaciro.**

**4. Kwigira no Kwihesha agaciro tuzabigezwaho n'umurimo ukozwe neza kandi utanga umusaruro.**

- 5. Umurimo ugira uruhare rukomeye mu iterambere ry'umuntu ku giti cye n'iry'igihugu.**
- 6. Gukora ukiteza imbere, ugateza imbere umuryango wawe ndetse n'igihugu cyawe ni ishema buri wese akwiye guharanira.**
- 7. Hari ibyiciro by'imirimo bikomeje kwihutisha ihangwa ry'imirimo kurusha ibindi;**
- 8. Ibyo byiciro birimo: gutunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, ubuhinzi bw'indabo, imboga n'imbutu, inganda, gucukura no gutunganya amabuye y'agaciro, ubwubatsi, ubukerarugendo, gutwara abantu n'ibintu, serivisi zinyuranye ndetse n'ubugeni n'ubukorikori.**
- 9. Dukomeze dushyire ingufu muri ibyo byiciro arinako dukomeza guhanga udushya dutuma hari imirimo mishya ihangwa.**
- 10. Ibikorera mu Rwanda (*Made in Rwanda*) bikomeje nabyo kugira uruhare mu ihangwa ry'imirimo.**
- 11. Dukwiye kurushaho kugura ibikorera iwacu kandi ababikora bakarushaho kongera ubwiza bwabyo kugira ngo bishobore guhangana no ku isoko mpuzamahanga.**

**12. Dukwiye kwongera ubumenyi n'ikorabuhanga mu byo dukora byose kugirango dushobore kubyaza umusaruro amahirwe y'isoko ryaguye ry'Afurika no kwihutisha ihangwa ry'imirimo itanga umusaruro.**

**13. Ibikorera mu Gakiriro twasuye ndetse no mu Nganda zinyuranye hirya no hino mu Gihugu ni urugero rw'ibishoboka mu guteza imbere ibikorera iwacu no guhanga imirimo itanga umusaruro.**

**14. Dukwiye gukomeza gusesengura ibikibura kugirango ibyo dukora bigere ku bwiza n'ubuziranenge twifuza.**

**15. Imyumvire n'uruhare rwa buri wese ni ingenzi muri iki cyerekezo kandi hari benshi bamaze gutera intambwe ishimishije.**

**16. Muri ubu butumwa ndashaka gushimira by'umwihariko:**

➤ **Abakoresha n'Abakozi barangwa no gukorana umurava no gutanga serivisi nziza. Ndabasaba gukomeza iyo mikorere myiza.**

➤ **Ndashimira abitangira imirimo bakora bakiteza imbere barimo: Abarezi, abo mu Nganda, Abaganga, Abahinzi n'Aborozi, Abashoferi, abamotari bari hano n'izindi ngero nyinshi z'abantu bakora cyane bakiteza imbere.**

- **Ndashimira na none Uturere twahize utundi mu guteza imbere ihangwa ry'umurimo.**
- **Ndashimira abakoresha bagaragaje uruhare rukomeye n'ubushake bwo gufasha Urubyiruko rurangije amashuri kwimenyereza umurimo n'umwuga. Tuboneyeho gusaba n'abandi bakoresha gutera ikirenge mu cyabo.**
- **Ndashimira kandi abaduhaye ubuhamya burimo inyigisho nyinshi, batwereka ko kwiteza imbere no guhanga imirimo bidasaba buri gihe ubushobozi buhambaye. Bisaba kubiyemeza.**

**Ba Rwiyemezamirimo b'Urubyiruko tumaze guhamba batanga icyizere ko iyo hari ubushake, ubushobozi buraboneka. Birashoboka ko umuntu yahera kuri bike, akagenda yagura ibikorwa bye uko ubushobozi bugenda bwiyoungera.**

- **Ndashimira kandi Abafatanyabikorwa bose dukomeje gufatanya mu guteza imbere umurimo.**

**17. Ndashishikariza by'umwihariko Urubyiruko n'Abagore kwitabira gahunda zashyizweho zigamije kubafasha kongera ubumenyi no kwihangira umurimo. Bityo, ndabasaba:**

- **Gukomeza Kwitabira Gahunda yashyizweho igamije gufasha ba Rwiyemezamirimo bato b'Urubyiruko n'Abagore kubona igishoro bunganirwa kubona ingwate kugeza kuri 75% binyuze muri BDF;**

- **Kwegera Abajyanama mu Mishinga n’Ubucuruzi bashyizwe muri buri Murenge bakabafasha kugira imishinga myiza no kuyicunga;**
- **Kwitabira amashuri yigisha ibijyanye n’imyuga n’ubumenyingiro kuko ubumenyingiro ni inkingi yo kwihangira imirimo no kuyibona mu buryo bworoshye kandi byatangiye kugira ingaruka mu kongera ibikorera mu Rwanda;**
- **Gutinyuka kwegera no gukorana n’ibigo by’imari;**

**18. Hari n’imyumvire ikigaragara hamwe na hamwe umuntu akumva ko hari umurimo atakora kandi nyamara awukoze wamufasha kwiteza imbere kurusha uko abayeho. Iyo myumvire nayo ikwiye gucika.**

**19. Guverinoma y’u Rwanda mu bufatanye n’Abafatanyabikorwa yiyemeje gukomeza gushyiraho amategeko na politike bigamije guteza imbere umurimo.**

**20. Ubu turavugurura Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda na Politiki y’Umurimo mu rwego rwo gukomeza kurushaho kunoza umurimo.**

**21. Ubufatanye n'Abafatanyabikorwa banyuranye, Abikorera, Sosiyeti Sivili buzadufasha kugera ku ntego Guverinoma ifite yo guhanga imirimo itanga umusaruro miliyoni n'igice (1,500,000) mu myaka irindwi kandi n'imirimo ishingiye ku buhinzi igakorwa mu buryo bw'umwuga.**

**Banyacyubahiro muteraniye hano**

**22. Munyemerere nsoze nshimira Abagize uruhare mu Gutegura uyu Munsi bose ku bwitange bagaragaje.**

**23. Ndongera kandi gushimira mwe mwese mwitabiriye uyu munsi.**

**24. Mbifurije gukomeza kugira Umunsi Mukuru mwiza w'Umurimo.**

**“Duteze Imbere Umurimo Utanga Umusaruro, Twihutishe Iterambere”.**

**25. Mugire Amahoro.**